


Uko urukingo rwa mRNA rukora


Buri virusi irihariye.

Virusi itera COVID-19
yitwa SARS-CoV-2.




KUREMA

mRNA itegeka utunyangingo gu-kora agace kihariye ka virusi ya SARS-CoV-2: imbaraga za virusi.



KWIGA

Hanyuma ubudahangarwa bw'u-mubiri bugakora abasirikare b'umubiri hanyuma bugakora uturemangingo tuza gusenya uturemangingo twa virusi.



KURINDA

Iyo wongeye gufatwa n'iyi virusi mu kindi gihe, ubudahangarwa bw'u-mubiri buhita bumenya byihuse iyo virusi hanyuma ba basirikare na twa turemangingo bigahita bitangira gusenya ya virusi.

Ibyiza byo gukingirwa

Virusi itera COVID-19 yororoka vuba. Nta rukingo, umubiri wawe umenya virusi, kumenya uburyo bwo kuyirwanya no kubaka ubudahangarwa bw'umubiri. Hagati aho, virusi ishobora kororoka birenze ubushobozi bw'ubudahangarwa bw'umubiri wawe, bivuze ko uhita wumva urwaye. Iyo utewe urukingo, umubiri wawe uhi-ta umenya virusi byihuse cyane hanyuma ugahita utangira ubudahangarwa.

ikoranabuhanga rya mRNA si rishyashya.

Inkingo za mRNA zavuye ku bushakashatsi bw'imyaka mirongo ku buvuzi n'imiti bya RNA bwakozwe n'abahanga mu buvuzi. Ubu buvuzi bwa mRNA buri gukoreshwa mu guteza imbere ubuvuzi bwa kanseri yihariye hamwe n'inkingo z'indwara zandura nka virusi ya Zika. Abashakashatsi barimo kureba niba imiti ya mRNA ishobora gukoreshwa nk'imiti yasimbura proteyine mu bihe bidasanze nk'indwara yo kutavura kw'amaraso.